**IKINYARWANDA**

**Itariki : 28-29/06/2022**
**Isaha : 8h30-10h30**

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

**UMWAKA WA:** **3**

**Amanota:** **…… /40**

## AMABWIRIZA RUSANGE

- Ikizamini k'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kimenyerewe ku izina rya LEGRA gikorwa mu minsi ibiri.
- Umunsi wa mbere w'ikizamini umwarimu asuzumira abanyeshuri bose hamwe mu ishuri.
- Umunsi wa kabiri w'ikizamini umwarimu asuzuma buri munyeshuri ku giti ke, amusomesha umwandiko wateganyijwe hanyuma akamubaza n'ibibazo byo kumva umwandiko.
- Ikizamini giteguye ku manota 40 ariko ashobora guhindurwa agashyirwa kuri 80.

**Isuzuma rusange ry'Ikinyarwanda (LEGRA)**
**Umwaka wa 3**
**Igihembwe cya gatatu 2021-2022**
**Amanota 40**

**Amabwiriza rusange**
Ikikizamini kigenewe abanyeshuri bafite **ubumuga bwo kutumva no kutatavuga**. Giteguwe hagendewe ku kizamini cy'abadafite ibibazo byihariye.

**Umunsi wa mbere**

**KWITEGEREZA, KWANDIKA N'UBUMENYI BW'URURIMI**
**Ikitonderwa**
Fasha abanyeshuri kumva ikibazo ukoresheje ururimi rw'amarenga.

I. **KWITEGEREZA NO KWANDIKA /Amanota 10**
Ku banyeshuri batumva, batavuga urababaza ikibazo ku buryo bukurikira: Andika ijambo rya buri shusho muri aya akurikira maze ukoresheje ibihekane bikurikira: **mpy, *pw, nsy, nkw, mvw/*** *(Buri jambo ni amanota abiri)*

1................................



2.........................................



3. ...............................



4. .......................................



5. ……………………………….



Amagambo umunyeshuri abona: inkwi, impyisi, yansyonyoye, gukoropwa, yumvwa

**II. UBUMENYI BW'URURIMI /Amanota 20**

**a) Kuzuza interuro /Amanota 5**

Uzurisha interuro amagambo akurikira**: inka, isoko, imineke, imboga, amavuta**

1. Murigo agiye ku ……………………….
2.……………………….ni nziza ku buzima.
3. …………………………….yange ikamwa amata menshi.
4.Yohani yisiga…………………………………ahumura cyane.
5.Abana bakunda kurya ………………………………..

**B. Imbusane /5**

Simbuza amagambo aciyeho akarongo imbusane zayo zikurikira: **kurira, guhaguruka, gikomeye**, **inzobe**, **umuhungu,** hanyuma wandukure interuro.

1. Muneza afite umwana w' **umuhungu. (** Muneza afite umwana w' **…………………)**
2. Kaliza akunda **kurira**. **(**Kaliza akunda **…………………**)
3. Hano hanyuze umuntu w' **inzobe**. (Hano hanyuze umuntu w'**…………………**)
4. **Duhaguruke** niko umwarimu avuze**. ( ……………….** ni ko umwarimu avuze**)**
5. Nkunda kurya ikigori **gikomeye**. (Nkunda kurya ikigori **……………………………)**

**c. Inshamake /Amanota 10**
**Soma aka gakuru nurangiza utange inshamake yako**
**Agakuru: Indyo yuzuye**
Ababyeyi ba Simoni bamenye ko afite imirire mibi.
Bukeye bajya kugisha inama umuturanyi wabo.
Yabagiriye inama yo kumugaburira indyo yuzuye .
Harimo amata, imbuto, imboga, ibijumba, n'amagi.
Baratashye babigenza uko babibwiwe.
Nuko Simoni akura neza agira ubwenge mu ishuri.

**Urugero rw'igusubizo:**
Ababyeyi ba Simoni bamenye ko afite imirire mibi. Bajya kugisha inama abaturanyi y'icyo bakora. Babagira inama y'ibiryo yagaburirwa. Batangira kumugaburira indyo yuzuye. Arakira agira ubwenge bwinshi.

**Umunsi wa kabiri**

**Gusoma agakuru /amanota 10**
Soma agakuru gakurikira hanyuma uze gusubiza ibibazo nkubazaho.

**Ikitonderwa**
- Wibuke guha umunyeshuri urupapuro rwamugenewe ruriho inkuru yanditse mu nyuguti nini, hanyuma nawe ukurikire uko umunyeshuri asoma wifashishije uru rupapuro ruriho n'ibibazo byo kumva umwandiko.
- Ha umunyeshuri urupapuro ruriho agakuru agasome akoresheje amarenga. Narangiza gusoma, ufate umwanya wo kumusobanurira ukoresheje amarenga.
- Mu gihe umunyeshuri asubiza ibibazo byo kumva umwandiko, murekere urupapuro ruriho agakuru ndetse umusabe kuba yarebaho mu gihe ashakisha igisubizo k'ikibazo umubajije.

**Agaca**
Agaca kahoraga kajya gutwara imishwi kwa Mpyorero.
Yari amaze kurembywa n'ubuhemu bwako.
Umunsi umwe afata ingamba zo kubakira imishwi ye.
Agaca gasubiyeyo gasanga byarahindutse kabura aho kamenera.
Kagerageje kenshi ntibyakunda maze biragashobera.
Gakomeje kurembywa n'inzara kiyungura indi inama.
Kajya gushakisha ibyo kurya mu ishyamba kure y'ingo z'abantu.
Kararonka, kararya karahaga kanateganya iby'ahazaza.
Nuko kareka guhora gahombya aborozi b'inkoko.

**Ibibazo byo kumva umwandiko** (Buri gisubizo ni amanota abiri)

1. Agaca katwaraga imishwi yo kwa nde? **Katwaraga imishwi yo kwa Mpyorero.**
2. Ni izihe ngamba Mpyorero yafashe? **Yafashe ingamba zo kubakira imishwi ye.**
3. Agaca gasubiye gutwara imishwi kasanze bimeze bite? **Kasanze byarahindutse kabura aho kamenera.**
4. Agaca kamaze kurembywa n'inzara kakoze iki? **Kigiriye inama yo kujya gushakisha ibyo kurya mu ishyamba.**
5. Ni gute agaca kahombyaga aborozi b'inkoko? **Kabatwariraga imishwi.**